18° “**entitled person**”: a shareholder or any other person who is recognized under the company's constitution as enjoying the shareholder's rights and obligations;

19° “**foreign company**”: a body corporate that is incorporated outside Rwanda and that is required to be registered under this Law;

20° “**international accounting and auditing standards**”: International accounting and auditing standards issued by the International Committee of Accountants and Auditors;

21° “**memorandum of association**”: incorporation document of a company;

22° “**limited company**”: a company whose liability is limited by shares or by guarantee or a company whose liability is limited both by shares and guarantee;

23° “**nominee**”: a person who, in exercising a right

d'une tierce personne. Le titre peut être aussi remis en reconnaissance d'une somme reçue ou à recevoir par la société ou par une autre personne, ou en reconnaissance d'une dette de la société ou d'une tierce personne, que ce titre constitue ou non un nantissement sur les actifs de la société;

18° “**ayant droit**”: actionnaire ou toute autre personne à qui les statuts confèrent les droits et devoirs d'un actionnaire;

19° “**société étrangère**”: personne morale constituée en dehors du Rwanda et qui doit être enregistrée conformément à la présente loi ;

20° “**normes internationales de comptabilité et d'audit**”: normes internationales édictées par le Comité de Normes Internationales de Comptabilité et d'Audit ;

21° “**acte constitutif**”: acte de constitution d'une société ;

22° “**société à responsabilité limitée**”: société dans laquelle la responsabilité des actionnaires est limitée à leurs actions, à leurs garanties ou une société limitée aux actions et aux garanties ;

23° “**mandataire**”: une personne qui, dans

uburenganzira bujyanye n'umugabane, umugabane nguzanyo cyangwa undi mutungo, ni umuntu wahawe ubwo burenganzira bwo gukoresha hakurikijwe gusa amabwiriza yahawe n'undi muntu, ku buryo butaziguye cyangwa se nk'intumwa imuhagarariye. Umuntu aba intumwa ihagarariye undi igihe cyose afite uburenganzira bwo gukoresha ububasha akurikije amabwiriza yahawe n'uwamutumye;

24° “**isosiyete y'umunyamigabane umwe**”: isosiyete ifite uburyozwe buhinnye igizwe n'umunyamigabane umwe rukumbi akaba ari nawe muyobozi wayo;

25° “**ubufatanye mu mirimo igamiye inyungu butari isosiyete**”: ubufatanye bushingiye ku mirimo irimo iy'ikigo n'umuryango igamiye inyungu hakurikijwe amategeko agenga bene ubu bufatanye;

26° “**itangazo rihamagarira gushora imari mu isosiyete**”: itangazo, iyamamaza cyangwa inyandiko zihamagarira rubanda kugura imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo mu isosiyete iriho cyangwa iteganya ku bayo;

27° “**umutungo**”: umutungo w'ubwoko bwose, ufatika cyangwa udafatika, uburenganzira ku kintu cyangwa ku bwishyu; ikintu kigaragara cyangwa kitagaragara, kandi hakaba hakubiyemo uburenganzira bwose buturuka kuri uwo mutungo hatitawe ku miterere yabwo;

in relation to a share, debenture or other property, is entitled to exercise that right only in accordance with instructions given by some other person either directly or as his delegate. A person is the nominee of another person where he/she is entitled to exercise such a right only in accordance with instructions given by that person;

24°“**sole proprietorship**”: private company in which the only shareholder is also the sole director of the company;

25°“**partnership**”: civil or commercial partnership including a firm and association, registered in accordance with the Law governing partnerships;

26°“**prospectus**”: notice, circular, advertisement or request inviting applications or offers from the public to subscribe for or purchase, a share in or debenture of a company or proposed company;

27° “**property**”: property of every kind whether tangible or intangible, real or personal, corporeal or incorporeal and includes all rights, in relation to property whatever their nature;

l'exercice des droits relatifs à une action, une obligation ou toute autre droit, est habilitée à exercer ledit droit uniquement selon les instructions données par une autre personne, soit directement, soit par mandat; et une personne est mandataire d'une autre toutes les fois qu'elle est habilitée à exercer un droit selon les instructions reçues de la personne qui l'a désignée;

24° “**société unipersonnelle**”: société privée dans laquelle le seul actionnaire est aussi administrateur ;

25° “**partenariat commercial non constitutif de société**”: partenariat civil ou commercial incluant la société et organisation visant un bénéfice conformément à la loi régissant ce partenariat ;

26° “**prospectus**”: une annonce, une circulaire, une publicité ou le document contenant l'offre publique de souscription ou d'achat d'actions ou obligations dans une société existante ou à exister ;

27° “**bien**”: un bien de toute sorte, qu'il soit tangible ou intangible, droit réel ou personnel, corporel ou incorporel; et y compris tous droits en relation avec ce bien quelque soit leur nature ;

28° “**uberewemo umwenda ufite ingwate**”: umuntu ufite ingwate ku bintu bitunzwe n’isosiyete;

29° “**umuntu**”: umuntu wese yaba umugore cyangwa umugabo ukora igikorwa cy’ubucuruzi;

30° “**Umwanzuro udasanzwe**”: umwanzuro wafashwe ku bwiganze bwa mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by’amajwi y’abanyamigabane bafite ububasha bwo gutora kandi batoye ku bijyanye n’ikibazo cyigwa. Amategeko shingiro agenga isosiyete ashobora gusaba ubwiganze busumbye mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%);

31° “**umwanzuro wumvikanyweho na bose**”: icyemezo cyafashwe na buri munyamigabane ufite ububasha bwo gutora ku ngingo yigwaho, cyangwa se icyemezo cyagezweho ku buryo iri tegeko ribitateganya;

32° “**Umunyamigabane**”:

- a) umuntu ufite izina ryanditse mu gitabo cy’imigabane nk’ufite muri icyo gihe umugabane umwe cyangwa myinshi mu isosiyete;
- b) umuntu uvugwa mu nyandiko isaba kwandikwa kw’isosiyete mu gihe cy’ishingwa ryayo kandi agafatwa nk’umunyamigabane kugeza aho izina

28° “**secured creditor**”: a person entitled to a charge on or over property owned by the company;

29° “**a person**”: any woman or man involved in business;

30° “**special resolution**” a resolution approved by a majority of seventy five per cent (75%) of the votes of those shareholders entitled to vote and who have voted on the issue under considération. The articles of association may require a majority of more than seventy five per cent (75%);

31° “**unanimous resolution**”: a resolution which has the assent of every shareholder entitled to vote on the matter or a resolution made in accordance with this Law;

32° “**shareholder**” :

- a) person whose name appears is entered in the share register as the holder for the time being of one or more shares in the company;
- b) person whose name appears in a request for company registration at the time of its incorporation and who is regarded as a shareholder until his/her name is

28° “**créancier nanti**” : une personne qui détient un gage ou un nantissement sur des biens appartenant à cette société.

29 “**une personne**” : toute personne de sexe féminin ou masculin exerçant une activité commerciale ;

30° “**résolution spéciale**” : une résolution prise à une majorité de soixante quinze pour cent (75%) des voies exprimées par les actionnaires ayant le droit de vote et ayant voté pour la question sous examen. Les statuts de la société peuvent requérir une majorité supérieure à soixante quinze pour cent (75%);

31° “**résolution unanime**” : une décision prise par chaque actionnaire habilité à voter sur le sujet concerné, ou obtenue de manière prévue par la présente loi ;

32° « **Actionnaire** » :

- a) une personne dont le nom est inscrit dans le registre d’actions comme détenteur actuel d’une ou de plusieurs actions dans une société ;
- b) la personne dont le nom figure dans la demande d’enregistrement de la société au moment de sa constitution et considérée comme étant un actionnaire jusqu’à

rye ryandikiwe mu gitabo cy'imigabane;	entered in the share register;	l'inscription de son nom dans le registre d'actions ;
c) umuntu ugomba kwandikwa mu gitabo cy'imigabane biturutse ku mushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete, afatwa nk'umunyamigabane w'isosiyete yibumbiye hamwe n'indi kugeza igihe izina rye rizandikirwa mu gitabo cy'imigabane cy'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ;	c) person whose name is to be entered in the share register under an amalgamation proposal is regarded as a shareholder in an amalgamated company until his/her name is entered in the share register;	c) la personne devant être inscrite dans le registre d'actions en vertu d'une proposition de fusion, comme étant un actionnaire d'une société fusionnée jusqu'à l'inscription de son nom dans le registre d'actions de la nouvelle société née de la fusion ;
33° “ <b>isosiyete ifite uburyozwe busesuye</b> ”: isosiyete yashingiwe ku ihame ko uburyozwe bw'abanyamigabane bayo butagira umupaka;	33° “ <b>unlimited company</b> ”: a company formed on the principle of having no limit placed on the liability of its shareholders;	33° “ <b>société à responsabilité illimitée</b> ”: une société constituée sur le principe que la responsabilité des actionnaires est illimitée ;
34° “ <b>icyiciro</b> ”: itsinda ry'imigabane itanga uburenganzira busa, ibyiza bijyana nayo bisa, ibisabwa ndetse n'aho uburenganzira bwayo bugarukira bimwe;	34° “ <b>class</b> ”: a class of shares having attached to the shares the same rights, privileges, limitations and conditions;	34° « <b>catégorie</b> » : un groupe d'actions jouissant des mêmes droits, mêmes priviléges, mêmes limites et mêmes conditions ;
35° “ <b>ubwumvikane</b> ”: kumvikana hagati y'isosiyete n'abo ibereyemo imyenda. Bushobora kuba:	35° “ <b>compromise</b> ”: a compromise between a company and its creditors. A compromise may be: <ul style="list-style-type: none"><li>- canceling all or part of a debt of the company;</li><li>- varying the rights of its creditors or the terms of a debt;</li><li>- relating to an alteration of a company's articles of association</li></ul>	35° “ <b>Compromis</b> ” : Un accord entre une société et ses créanciers. Il peut s'agir d'un compromis : <ul style="list-style-type: none"><li>- annulant tout ou partie de la dette de la société;</li><li>- modifiant les droits des créanciers ou les termes de la dette;</li><li>- porter sur la modification des statuts de la société et avoir des répercussions sur la</li></ul>

bw'isosiyete bwo kwishyura imyenda yayo;

36° “**überewemo umwenda**” :

- a) umuntu ufite uburenganzira bwo kwaka ibyo isosiyete imugomba mu gihe cyo gukusanya no kugabagabana umutungo w'isosiyete yasheshwe;
- b) überewemo umwenda ufite uburenganzira buza mbere y'ubw'abandi ;

37° “**usaba ubwumvikane**” : umuntu usaba ko haba ubwumvikane hagamijwe ibivugwa mu gace ka 35° k'iyi ngingo ;

38° “**umukozi w'isosiyete**” : umuntu ushyirwaho n'isosiyete kugira ngo ayifashe mu kurangiza inshingano zayo ;

39° “**amafaranga mfatirwaho yo gutangaho umugabane**” : umubare w'amafaranga abagize Inama y'Ubutegetsi b'isosiyete babona ko ariyo make akwiye guturuka mw'igurisha ry'imigabane nk'uko bigaragazwa mu nyandiko ihamagarira abantu kugura imigabane yateguve hakurikijwe iri tegeko;

40° “**uruhare nyamuke cyangwa umwihariko**” : ni uruhare rwo ku nyungu cyangwa ku byo isosiyete shami ikuramo umutungo bwite bitagenewe isosiyete mbyeyi;

that affects the likelihood of the company being able to pay a debt;

36° “**creditor**”:

- a) a person who, in a liquidation, is entitled to claim that a debt is owing to that person by the company;
- b) a privileged creditor;

37° “**proponent**” : a person who proposes a compromise in accordance with item 35° of this article;

38° “**officer**” : a person who is appointed by a company for the achievement of the latter's mission;

39° “**minimum amount for subscription**” : the amount of money specified in a prospectus whose preparation complies with this Law and which sets the minimum amount of money to be collected from the shares offered;

40° “**minority interest**” : part of the net results of operations and of net assets of a subsidiary attributable to interests which are not owned by the parent;

probabilité qu'une société soit en mesure de payer ses dettes;

36° “**créancier**”:

- a) une personne qui, durant la liquidation, est en droit de réclamer une dette qui lui est due par la société;
- b) un créancier privilégié;

37° “**proposé**” signifie une personne qui propose un compromis conformément au point 35° du présent article ;

38° «**employé de la société**» : une personne nommée par la société pour l'aider à s'acquitter de ses attributions ;

39° «**montant minimum de souscription**» : le montant précisé par le prospectus comme étant le montant minimum qui, selon l'avis des administrateurs, doit être collecté pour la libération des actions offertes conformément à la présente loi;

40° «**part minoritaire**» : une part des bénéfices ou de l'actif d'une filiale qui ne revient pas à la société mère ;

41° “umuyobozi utari nshingwa bikorwa”: umuyobozi udacunga imirimo ya buri munsi y’isosiyete;	41° “non-executive director” is a director who is not involved in the day to day management of the company;	41° « administrateur non gérant »: c’est l’administrateur qui ne gère pas les affaires journalières de la société ;
42° “umuntu ufite icyo abazwa”: umuntu ugira icyo abazwa ni:	42° “person concerned”: a person concerned is:	42° « personne concernée »: une personne dite concernée est:
(a) umuntu ukorera cyangwa wakoreye isosiyete nk’ugize Inama y’Ubutegetsi, umunyebanki, umugenzeramari, intumwa, Umwanditsi Mukuru cyangwa undi wese;	(a) a person who is or has been employed by a company as a director, banker, auditor, attorney-at-law, Registrar General or otherwise;	(a) une personne qui travaille ou a travaillé pour une société comme administrateur, banquier, auditeur, mandataire, Registraire Général ou autre ;
(b) umuntu ukekwaho ku buryo bugaragara ko:  (i) afite umutungo uwo ariwo wose w’isosiyete y’ubucuruzi;  (ii) kuba afitiye umwenda isosiyete;  (iii) kuba ashobora gutanga ibisobanuro bikenewe ku imenyekanisha, ishyirwaho, imicungire, imirimo, ibikorwa n’umutungo w’isosiyete.	(b) a person who, or in relation to whom there are reasonable grounds for suspecting that he/she:  (i) has in his/her possession any property of the company;  (ii) is indebted to the company;  (iii) is able to give information concerning the promotion, formation, management, dealing, affairs or property of the company;	(b) une personne présumée avec de fortes raisons comme:  (i) possédant une quelconque partie du patrimoine de la société;  (ii) étant redevable à la société ;  (iii) possédant des informations sur la promotion, la constitution, la gestion, les activités, les affaires ou les biens de la société ;
43° “uburenganzira bwo guhabwa amahirwe mbere y’abandi”: uburenganzira buhabwa abanyamigabane b’isosiyete hakurikijwe iri tegeko;	43° “pre-emptive rights”: rights conferred on shareholders under this Law;	43° « droits de préemption »: droits conférés aux actionnaires conformément à la présente loi.
44° “uburyo bwo kwegukana isosiyete”: inzira ikurikizwa kugira ngo umuntu cyangwa isosiyete	44° “take-over scheme”: scheme involving the making of an offer for the acquisition of shares	44° « prise de contrôle »: procédure d’offre d’achat suivie pour l’acquisition des actions

byegukane imigabane y'isosiyete ihesha nyir'ukuyigura ububasha bwo kugira amajwi ahwanye byibuze na kimwe cya gatatu mu nama rusange ya buri mwaka y'abanyamigabane b'isosiyete igurisha imigabane yayo;

Kwegukana isosiyete biba nyuma y'uko uwaguze imigabane amaze kuzuza ibisabwa n'ugurisha;

Iyo ugura ari isosiyete ifitanye isano n'igurisha, imigabane iguzwe iba iy'yo sosiyete igura cyangwa iy'isosiyete iyikomokaho.

#### **INTERURO YA II: IBYEREKEYE ISHINGWA RY'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI**

#### **UMUTWE WA MBERE: ISHINGWA RY'ISOSIYETE Y'UBUCURUZI**

#### **Ingingo ya 3: Gushingwa kw'isosiyete**

Umuntu umwe cyangwa bensi bashobora gushinga isosiyete bashyira hamwe umutungo, imirimo mu gikorwa cy'ubucuruzi bakabigaragaza buzuza inyandiko yabugenewe cyangwa bigakorwa bashingiye ku biteganya wa n'iri tegeko. Bikorwa huzuzwa inyandiko y'ifishi iri ku mugereka wa mbere w'iri tegeko.

#### **Ingingo ya 4: Kwandikisha isosiyete**

Kwandikisha isosiyete mu biro by'Umwanditsi

which give to their holder the rights cast at least one third of the votes during the company's annual meeting of shareholders meant for selling off its shares;

Being entitled to acquire a share shall be done upon the fulfillment of the requirement for the selling of shares by the person buying the shares;

Where the buyer of shares is a company which is related to the company selling them, the acquired shares shall belong either to the company buying the shares or the subsidiary company.

#### **TITLE II: INCORPORATION**

#### **CHAPTER ONE: INCORPORATION**

#### **Article 3: Company incorporation**

A company is a legal entity which is made up with one physical person or corporate person for commercial purposes and after filling in a form thereto related and basing up on the provisions of this Law. The company shall be formed by filling in the form attached herewith as Appendix I.

#### **Article 4 : Registering a company**

It shall be compulsory to register company in the

d'une société qui donnent à l'acquéreur le contrôle d'au moins un tiers des voix à une assemblée générale annuelle des actionnaires de la société qui fait l'objet de l'achat de ses actions;

L'acquisition de la société devient effective après que l'acquéreur des actions a rempli les conditions requises;

Lorsque l'acquéreur est une société apparentée, les actions acquises deviennent la propriété de la société qui acquiert les actions ou de sa filiale.

#### **TITRE II: CONSTITUTION D'UNE SOCIETE COMMERCIALE**

#### **CHAPITRE PREMIER: CONSTITUTION D'UNE SOCIETE COMMERCIALE**

#### **Article 3: Constitution d'une société**

Une ou plusieurs personnes peuvent créer une société en mettant ensemble les biens, les services en vue d'une activité commerciale qui est attestée par le remplissage d'un document y relatif ou qui se fait conformément à la présente loi. Cela se fait par le remplissage d'un formulaire se trouvant en Annexe I de la présente loi.

#### **Article 4: Enregistrement de la société**

L'enregistrement de la société au Bureau du

Mukuru mu by'ubucuruzi ni itegeko.

**Ingingo ya 5: Ibyiciro by'amasosiyete**

Isosiyete iyo ari yo yose ishingwa hakurikijwe ibyiciro bikurikira:

- 1° isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;  
2° isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**Ingingo ya 6: Ibiranga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane**

Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane irangwa n'ibi bikurikira:

- 1° kugabanya uburenganzira bwo guhererekanya imigabane cyangwa imigabane nguzanyo;  
2° kutarena abanyamigabane ijana (100), hatabariwemo abantu bayikorera cyangwa abigeze kuyikorera;  
3° kubuza mu buryo ubwo aribwo bwose guhamagarira abantu kuyiguramo imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo y'isosiyete.

Iyo abantu babiri cyangwa bensi bafatanyije umugabane umwe cyangwa myinshi bafatwa nk'umunyamigabane umwe.

Registrar General's office.

**Article 5 : Categories of companies**

Every company shall be incorporated to fall under the following categories of companies:

- 1° private company;  
2° public company.

**Article 6: Characteristics of a private company**

A private company shall have the following characteristics:

- 1° restricting the right to transfer its shares and debentures;  
2° limiting the number of its shareholders to one hundred, persons employed or formerly employed by the company not included;  
3° prohibiting any invitation to the public to subscribe for any shares or debentures of the company.

Where two or more persons jointly hold one or more shares in a company, they shall be treated as a single shareholder.

Registraire Général est obligatoire.

**Article 5: Catégories des sociétés**

Toute société est constituée suivant les catégories ci-après :

- 1° une société privée ;  
2° une société publique.

**Article 6: Caractéristiques d'une société privée**

Les caractéristiques d'une société privée sont les suivantes :

- 1° limiter le droit de transfert des actions et des obligations ;  
2° ne pas dépasser le nombre de cent (100) actionnaires, hormis les personnes qui sont employées par la société et celles qui ont été employées par la société ;  
3° prohiber tout appel au public de souscrire aux actions ou aux obligations.

Lorsque deux (2) ou plusieurs personnes détiennent conjointement une ou plusieurs actions, elles sont considérées comme un seul actionnaire.

Isosiyete y'umunyamigabane umwe ifatwa nk'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

#### **Ingingo 7: Ibiranga isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane**

Isosiyete yose ifatwa nk'aho ari isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, uretse iyo yiyanidikishije nka sosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

#### **Ingingo ya 8: Ubwoko bw'amasoniyete**

Hakurikijwe ibyiciro by'amasoniyete bivugwa muri iri tegeko, amasoniyete agabanyijwemo ubwoko bukurikira:

- 1° isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane;
- 2° isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate;
- 3° isosiyete ishingiye ku buryozwe bugarukira ku migabane no ku ngwate;
- 4° isosiyete ifite uburyozwe busesuye;

Isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku migabane cyangwa ishingiye ku migabane n'ingwate ishobora guhamagarira rubanda kuyishoramo imigabane cyangwa kutabikora. Arikò isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate byonyine cyangwa ifite uburyozwe busesuye ntishobora guhamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

A company with one single shareholder shall be taken to be a private company.

#### **Article 7: Characteristics of a public company**

Every company shall be a public company unless it is stated in its application for incorporation that it is a private company.

#### **Article 8: Types of companies**

Following the categories of companies referred to in this Law, companies shall be of the following types:

- 1° a company limited by shares;
- 2° a company limited by guarantee;
- 3° a company limited by both shares and guarantee;
- 4° unlimited company ;

A company limited by shares and by guarantee may be public or private. However, a company limited only by guarantee or an unlimited company shall not be public.

Une société d'un seul actionnaire est considérée comme une société privée.

#### **Article 7: Caractéristiques d'une société publique**

Toute société est considérée comme étant une société publique, sauf si elle s'est enregistrée en tant que société privée.

#### **Article 8 : Types de sociétés**

Conformément aux catégories de sociétés prévues par la présente loi, les sociétés sont de types suivants:

- 1° société à responsabilité limitée par actions;
- 2° société à responsabilité limitée par garantie;
- 3° société à responsabilité limitée par actions et par garantie;
- 4° société à responsabilité illimitée ;

Une société à responsabilité limitée par actions et par garantie peut rentrer dans la catégorie des sociétés publiques ou dans celle des sociétés privées. Toutefois, la société à responsabilité limitée par garantie ou à responsabilité illimitée ne peut pas rentrer dans la catégorie des sociétés publiques.

**Iningo ya 9: Imikoranire hagati y'amasosiyete**

Mu rwego rw'imikoranire, amasosiyete abiri cyangwa menshi ashobora gushyira hamwe imbaraga kugira ngo akore igikorwa iki n'iki mu gihe kizwi.

Isosiyete ebyiri cyangwa nyinshi zishobora kugirana amasezerano agamije gukora igikorwa iki n'iki cyangwa gihoraho.

**Iningo ya 10: Iby'ibanze bisabwa isosiyete**

Buri sosiyete igomba kugira:

- 1° izina;
- 2° aderesi;
- 3° igikorwa cy'ubucuruzi;
- 4° umugabane umwe cyangwa myinshi;
- 5° uburyozwe busesuye cyangwa buhinnye;
- 6° umuyobozi umwe cyangwa benshi.

**Iningo ya 11: Isosiyete ifite igihe izamara kizwi**

Isosiyete iri muri bumwe mu bwoko bwavuzwe muri iri tegeko, ishobora gushingwa ifite igihe izamara kizwi.

**Iningo ya 12: Intego y'isosiyete**

Isosiyete iyo ari yo yose ifatwa nk'aho ifite intego y'ubucuruzi.

**Article 9 : Partnership between companies**

Two companies or more may, within the context of partnership, decide to put together their efforts to carry out a given activity for a specified period of time.

Two companies or more may decide to carry out together a given activity on a permanent basis.

**Article 10: Essential requirements**

Any company shall have:

- 1° a name;
- 2° an address;
- 3° a business occupation ;
- 4° one or more shares;
- 5° limited or unlimited liability;
- 6° one or more directors.

**Article 11: A limited life company**

A company of any of the types of company referred to in this Law may be registered as a limited life company.

**Article 12 : Company's objective**

Every company shall be considered to be a commercial company.

**Article 9: Partenariat entre les sociétés**

Dans le cadre du partenariat, deux ou plusieurs sociétés peuvent unir leurs forces en vue de faire un acte quelconque pour une durée limitée.

Deux ou plusieurs sociétés peuvent entrer en contrat pour une durée illimitée.

**Article 10: Conditions requises d'une société**

Toute société doit avoir:

- 1° une dénomination;
- 2° une adresse ;
- 3° une activité commerciale ;
- 4° une ou plusieurs actions;
- 5° une responsabilité limitée ou illimitée;
- 6° un ou plusieurs administrateurs.

**Article 11: Société à durée limitée**

Une société de l'un des types visés à la présente loi, peut être enregistrée avec une durée limitée.

**Article 12: Objectif de la société**

Toute société est considérée comme étant une société à vocation commerciale.

**Iningo ya 13: Gusaba kwandikisha isosiyete y'ubucuruzi**

Umuntu uwo ariwe wese ashobora gusaba kwandikisha isosiyete y'ubucuruzi hakurikijwe ibivugwa muri iri tegeko.

Usaba wese yirengera ko ibyo atanze ari byo, byumvikana kandi byujuje amategeko.

**Iningo ya 14: Ibisabwa mu iyandikisha ry'isosiyete y'ubucuruzi**

Inyandiko isaba kwandikisha isosiyete ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru igomba kuba yujuje ibikurikira:

- 1° gutangwa ku buryo bw'inyandiko yabigenewe;
- 2° kuba iherekejwe n'ibi bikurikira:
  - a) inyandiko y'ubwumvikane ikorwa hakurikijwe ubwoko bw'isosiyete kandi igakurikiza ifishi yabugenewe iri ku mugerekwa II w'iri tegeko;
  - b) amategeko shingiro iyo ahari.

**Iningo ya 15: Ibikubiye mu nyandiko y'ubwumvikane**

Inyandiko y'ubwumvikane ya buri sosiyete igomba kugaragaza:

- 1° izina ry'isosiyete;

**Article 13: Application for registration of a company**

Any person may apply for registration of a company under this Law.

Every applicant shall guarantee that the information provided is clear and complies with the Law.

**Article 14: Requirements for an application for registration**

An application for registration of a company under this Law shall be sent or delivered to the Registrar General, and shall be :

- 1° in the prescribed form;
- 2° accompanied by :
  - a) a memorandum of association which is prepared in accordance with the type of the company to be formed and following the form thereto related and attached herewith in Appendix II of this Law;
  - b) the articles of association, if any;

**Article 15 : Content of the memorandum of association**

The memorandum of association shall state the following:

- 1° the name of the company;

**Article 13: Demande d'enregistrement d'une société commerciale**

Toute personne peut introduire une demande d'enregistrement d'une société commerciale conformément aux dispositions de la présente loi.

Tout demandeur garantit que sa demande est juste, compréhensible et conforme à la loi.

**Article 14: Conditions de demande d'enregistrement d'une société commerciale**

Toute demande d'enregistrement en société qui est soumise au Registraire Général doit être :

- 1° introduite dans la forme prescrite;
- 2° accompagnée par :
  - a) un acte constitutif émis selon le type de société et conformément à la fiche prescrite se trouvant en annexe II de la présente loi ;
  - b) les statuts s'il y en a;

**Article 15: Contenu de l'acte constitutif**

L'acte constitutif de chaque société doit contenir:

- 1° dénomination de la société ;

2° icyicaro cy'isosiyete

3° igikorwa cy'ubucuruzi kigamijwe;

Inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate igomba kugaragaza ko uburyozwe buhinnye.

Inyandiko y'ubwumvikane y'isosiyete ifite uburyozwe bugarukira ku ngwate igomba kandi kugaragaza ko buri wese uyigize yiyemeje kugira uruhare ku mutungo w'isosiyete mu gihe isheshwe.

Iyo ari isosiyete ifite imari shingiro, inyandiko y'ubwumvikane igomba kugaragaza:

1° umubare w'imari shingiro ;

2° umubare w'imigabane iyo mari shingiro igabanyijwemo keretse iyo ari isosiyete ifite uburyozwe busesuye;

3° kugaragaza izina n'umubare w'imigabane bya buri munyamigabane.

2° the head office of the company;

3° particulars of any business occupation;

A memorandum of association for a company limited by guarantee shall indicate that liability is limited.

A memorandum of association for a company limited by guarantee shall also state that every member shall undertake to contribute to the assets of the company in the event of its being wound up.

For the case of a company with share capital, the memorandum of association shall state the following:

1° the amount of share capital;

2° the number of shares making the share capital unless where the company is an unlimited company;

3° the full name and the number of shares of every shareholder.

2° siège social de la société ;

3° activité commerciale prévue.

L'acte constitutif de la société à responsabilité limitée par garantie doit montrer que sa responsabilité est limitée.

L'acte constitutif de la société à responsabilité limitée par garantie doit également mentionner que chaque membre s'engage à contribuer au patrimoine de la société en cas de dissolution.

Lorsqu'il s'agit d'une société ayant un capital social, l'acte constitutif doit mentionner :

1° le montant du capital social ;

2° le nombre d'actions composant le capital social, sauf s'il s'agit d'une société à responsabilité illimitée ;

3° le nom et le nombre d'actions de chaque actionnaire.

**Ingingo ya 16: Ibikorwa iyo isaba ryo kwandikisha isosiyete byujuje ibyangombwa**

**Article 16 : Procedure where a registration application complies with this Law**

Iyo Umwanditsi Mukuru yemeje ko gusaba kwandikisha isosiyete byubahirije ibisabwa n'iri tegeko, hamaze kwishyurwa amafaranga asabwa, akora ibi bikurikira :

1° kwandika ibirebana n'isosiyete mu gitabo

Where the Registrar General is satisfied that the application for registration of a company complies with this Law, upon payment of the prescribed fee, he/she :

1° enter the particulars of the company on the

**Article 16: Procédure à suivre lorsque la demande d'enregistrement remplit les conditions exigées**

Lorsque le Registraire Général constate que la demande d'enregistrement est conforme aux exigences de la présente loi, il doit, après le paiement des frais requis:

1° inscrire les informations de la société dans le

cyandikwamo amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi ;	register;	registre de commerce et des sociétés ;
2° kugenera isosiyete inimero y'iyandikwa mu gitabo cyandikwamo amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi;	2° assign a unique number to the company as its company number;	2° assigner un numéro d'immatriculation à la société ;
3° gutanga icyemezo cy'iyandikisha ryayo mu buryo bw'inyandiko yabugenewe.	3° issue a certificate of registration in the prescribed form.	3° délivrer un certificat d'enregistrement dans la forme prescrite.
<b><u>Ingingo ya 17: Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete</u></b>	<b><u>Article 17: Evidence for certificate of registration</u></b>	<b><u>Article 17: Certificat d'enregistrement d'une société</u></b>
Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete kiba ari ikimenyetso kigaragaza ko:	A certificate of registration of a company is a conclusive evidence that :	Le certificat d'enregistrement d'une société est une preuve que:
1° ibisabwa n'iri tegeko byose byujujwe kugira ngo isosiyete yandikwe;	1° all the requirements of this Law as to its registration have been complied with;	1° toutes les conditions requises par la présente loi pour l'enregistrement de la société ont été remplies ;
2° isosiyete ishinzwe uhereye ku itariki icyemezo cyanditsweho.	2° from the date of registration stated in the certificate, the company is incorporated.	2° la société est constituée à partir de la date d'enregistrement reprise dans le certificat.
<b><u>Ingingo ya 18: Isosiyete ifite ubuzima gatozi bwite</u></b>	<b><u>Article 18: Legal status of a company</u></b>	<b><u>Article 18: Personnalité juridique d'une société</u></b>
Isosiyete yanditswe hakurikijwe iri tegeko iba ifite ubuzima gatozi bwite n'izina yanditsweho kandi ikomeza gukora kugeza igihe izasibirwa mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi.	A company registered under this Law shall be a company with a separate legal status and with the name by which it is registered and continues to exist until it is removed from the register of companies.	Une société enregistrée selon la présente loi est une entité ayant une personnalité juridique distincte avec une dénomination sociale sous laquelle elle est enregistrée et continue d'exister tant qu'elle n'est pas radiée du registre de commerce et des sociétés.
<b><u>Ingingo ya 19: Isosiyete sano</u></b>	<b><u>Article 19: Related company</u></b>	<b><u>Article 19: Société apparentée</u></b>
Isosiyete yitwa ko ifitanye isano n'indi iyo:	A company is related to another company where:	Une société est dite apparentée à une autre lorsque :

- 1° imwe muri izo sosiyete ishamikiye ku yindi nk'isosiyete ibumbiyemo izindi cyangwa agashami kayo.
- 2° imigabane idatanga uburenganzira ku kugabana inyungu cyangwa imari shingiro ifitwe n'indi sosiyete mbyeyi cyangwa se izindi sosiyete ziyishamikiyeho irenze kimwe cya kabiri cy'imigabane yatanzwe mu isosiyete, haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye;
- 3° imigabane yatanzwe mu isosiyete hakuwemo imigabane ifite uburenganzira bugarukira ku igabana ry'inyungu cyangwa undi mutungo irenze kimwe cya kabiri cy'imigabane ifitwe n'abanyamuryango b'iyindi sosiyete haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye;
- 4° imirimo y'ayo masosiyete ikorwa ku buryo bitoroshye gutandukanya imirimo ya buri sosiyete cyangwa se igice kinini cyayo;
- 5° hari indi sosiyete izo zombi zihuriyeho.

**Ingingo va 20: Isosiyete nto ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane**

Isosiyete nto ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ni isosiyete iba yakoresheje mu mwaka w'ibaruramari uheruka, umubare w'amafaranga uri munsi

- 1° the other company is its holding company or subsidiary;
- 2° more than half of the issued shares of the company, shares that carry no right to dividends or capital, is held by a parent company or other subsidiaries, whether directly or indirectly;
- 3° more than half of the issued shares of the company, save those shares with the right limited to profits or capital, is held by members of another company whether directly or indirectly;
- 4° the businesses of the companies have been carried on to such an extent that the separate business of each company, or a substantial part of it, is not readily identifiable;
- 5° there is another company to which both companies are related.

**Article 20 : Small private limited company**

A company shall be a “small private limited company” where it is a private company the turnover of which in respect of its last preceding accounting period is less than such amount as may

- 1° l'autre société est, pour la première, une société holding ou une filiale;
- 2° plus de la moitié des actions libérées de la société ne donnant pas droit aux dividendes ou au capital social, est détenue par une société mère ou par d'autres filiales, de manière directe ou indirecte;
- 3° plus de la moitié des actions, excepté les actions donnant les droits limités aux bénéfices ou au patrimoine d'une autre société, est détenue par les associés d'une autre société d'une manière directe ou indirecte ;
- 4° les activités desdites sociétés sont menées de telle sorte que les activités de chaque société, ou une part importante de ces activités, ne soient pas faciles à identifier;
- 5° lorsqu'il y a une autre société à laquelle les deux sociétés sont liées.

**Article 20: Petite société privée à responsabilité limitée**

Est dénommée petite société privée à responsabilité limitée, une société privée dont le chiffre d'affaires correspondant à la dernière période comptable est inférieur à celui prescrit par Arrêté du Ministre

y'umubare uteganywa n'iteka rya Minisititri ufile amasosiyete mu nshingano ze.

### **Ingingo ya 21: Isosiyete yabyawe n'indi**

Isosiyete yitwa ko yabyawe n'indi sosiyete iyo:

1° iyo sosiyete ifatwa nk'isosiyete mbyeyi:

a) igenzura inama yayo y'ubutegetsi;

b) igenzura ibirenze kimwe cya kabiri cy'imigabane ifite uburenganzira bwo gutora mu nama yayo;

c) ifite ibirenga kimwe cya kabiri cy'imigabane yatanzwe hakuwemo imigabane ifite uburengazira mu kugira uruhare mu kugabana inyungu cyangwa imari shingiro y'isosiyete;

d) ifite uburenganzira ku birenga icya kabiri cy'agaciro k'inyungu zigabagabanywa abanyamigabane b'isosiyete hatarimo imigabane idafite uburenganzira bwo kugira uruhare ruri hejuru y'amafaranga runaka mu igabana ry'inyungu cyangwa ry'imari shingiro;

2° iyo sosiyete yabyawe n'indi sosiyete nayo yabyawe n'indi sosiyete mbyeyi.

be prescribed by an order of the Minister in charge of companies.

ayant les sociétés dans ses attributions.

### **Article 21 : Subsidiary company**

A company shall be a subsidiary of another company where:

1° that other company or corporation, referred to as the parent -

a) controls the Board of the company;

b) controls more than half the number of shares whose right to vote may be exercised at any meeting of the company;

c) holds more than half the number of issued shares minus those shares giving right to profits or capital of the company;

d) is entitled to receive more than one-half of every dividend paid on shares issued by the company, minus shares with no right to an amount higher than that specified amount in a distribution of either profits or capital;

2° the company is a subsidiary of a company that is the parent's subsidiary.

### **Article 21: Filiale**

Une société est la filiale d'une autre:

1° lorsque cette dernière, considérée comme une société mère:

a) contrôle son Conseil d'Administration ;

b) contrôle plus de la moitié des actions ayant le droit de vote dans une réunion de la société ;

c) détient plus de la moitié des actions, déduction faite des actions qui donnent droit au partage de bénéfices ou au capital de la société;

d) a droit à plus de la moitié de la valeur des dividendes distribués aux actionnaires de la société déduction faite des actions ne donnant pas droit à une part au delà d'un montant supérieur à celui spécifié lors du partage des bénéfices ou du capital social;

la société est dénommée filiale d'une autre qui est elle-même filiale à la société mère.

**Iningo ya 22: Isosiyete ibumbye izindi**

Isosiyete iba ibumbye indi igihe iyo ya nyuma yabyawe nayo.

**Iningo ya 23: Ibigaragaza ko isosiyete ibumbye indi**

Isosiyete yitwa ko ibumbye indi sosiyete iyo:

1° iyo ibumbye iyikomokaho;

2° iyo sosiyete ibumbye indi itagira indi ikomokaho.

Isosiyete yitwa ko ibumbye indi iyo mu Rwanda nta yindi sosiyete ikomokaho yanditswe mu Rwanda.

**Iningo ya 24: Isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana**

Isosiyete ifitwe n'indi ijana ku ijana (100%) ni isosiyete idafite abandi banyamigabane usibye isosiyete ikomokaho kandi ikayoborwa:

1° n'yo sosiyete ikomokaho;

2° n'umuntu ushyirwaho n'yo sosiyete ikomokaho;

3° n'indi sosiyete ikomoka nayo kuri iyo sosiyete

**Article 22 : Holding company**

A company shall be another company's holding where that other company is its subsidiary.

**Article 23 : Ultimate holding company**

A company shall be the ultimate holding company of another company where:

- 1° the other company is a subsidiary of the first mentioned company;
- 2° the first mentioned company is not itself a subsidiary of any company.

The ultimate holding company in Rwanda is a holding company which is not a subsidiary of a company registered in Rwanda.

**Article 24: Wholly owned subsidiary**

A company shall be considered to be the wholly owned subsidiary of another company, where its shareholder is only its parent and it is managed by:

1° that other company;

2° a nominee of that other company;

3° a subsidiary of that other company being a

**Article 22: Holding**

Une société est dite holding d'une autre société lorsque cette dernière est sa filiale.

**Article 23: Caractéristiques d'une société holding**

Une société est une société holding d'une autre société si :

- 1° celle-ci en est la filiale ;
- 2° la société holding n'est pas elle-même filiale d'aucune autre société.

Est considérée comme une société holding, une société au Rwanda qui n'est filiale d'aucune autre société enregistrée au Rwanda.

**Article 24: Filiale détenue à cent pour cent**

Une société est la filiale à cent pour cent (100%) d'une autre société, lorsqu'elle n'a d'actionnaire que sa société mère et qu'elle est dirigée par :

1° la société mère;

2° une personne désignée par la société mère ;

3° par une autre société qui est la filiale de la

zikomokaho itagira abandi banyamigabane usibye iyo sosiyete zikomokaho;

4° n'umuntu ushyirwaho n'isosiyete ikomoka ku yindi.

**Ingingo ya 25: Isosiyete ifashwe ijana ku ijana n'indi sosiyete**

Isosiyete yitwa ko isa n'aho ifashwe ijana ku ijana (100%) n'indi sosiyete, buri gihe iyo sosiyete ifitemo uburenganzira bwo gutora bungana na mirongo icyenda ku ijana (90%) by'imigabane cyangwa birengaho.

**Ingingo ya 26: Ibigaragaza ko isosiyete ikomoka ku yindi**

Isosiyete ifatwa ko ikomoka ku yindi iyo:

1° imigabane yahawe iyo sosiyete yindi bisa nko kuyiyibitsa kandi itagomba gufatwa nk'aho iha iyo sosiyete uburenganzira n'ububasha bujyanye nayo;

2° imigabane n'ububasha bifitwe:

a) n'uhagarariye iyo sosiyete yindi, keretse iyo iyo sosiyete ifatwa nk'iyabikije gusa;

b) n'uhagarariye isosiyete ikomoka ku

subsidiary the members of which do not include any person apart from that other company or a nominee of that other company; 4° a nominee of such a subsidiary.

**Article 25: Virtually wholly owned subsidiary**

A company shall be considered to be the virtually wholly owned subsidiary of another company where the latter owns ninety (90 ) per cent or more of the voting power in that company.

**Article 26: Determination of subsidiary company**

A company is said to be a subsidiary of another company where:

1° shares held or a power exercisable by that other company only as a trustee are not to be treated as held or exercisable by it;

2° shares held or a power exercisable by:

a) a person as a nominee for that other company, except where that other company is concerned only as a trustee;

b) a nominee for a subsidiary of that other

société mère et qui n'a pas d'autres actionnaires que la société mère ;

4° une personne désignée par la filiale.

**Article 25: Filiale virtuellement détenue à cent pour cent**

Une société est dite virtuellement détenue à cent pour cent (100%) par une autre société , toutes les fois que cette dernière détient quatre vingt dix pour cent (90%) ou plus de ses voix.

**Article 26: Caractéristiques d'une filiale**

Une société est dite filiale d'une autre lorsque:

1° les actions ont été remises à cette société au titre de dépôt et ne doivent pas conférer à cette société les droits et les pouvoirs qui y sont rattachés ;

2° les actions détenues ou les pouvoirs sont exercés par:

a) le représentant de cette autre société, sauf lorsque cette société est considérée uniquement comme dépositaire ;

b) le représentant d'une filiale de cette société

- isosiyete yindi iyo iyi itafashwe nk'iyabikije gusa;
- 3° hatitawe ku migabane n'ububasha bifitwe n'ijo sosiyete hakurikijwe ingingo zigenga imigabane nguzanyo iyo sosiyete ifite ndetse n'amasezerano y'ijo sosiyete yemeza itangwa ry'impapuro ,
- 4° imigabane ifitwe n'uhagarariye iyo sosiyete yindi cyangwa iyabyawe, kabone n'ijo yaba itandukanye n'iyavuzwe haruguru mu gika cya gatatu, ntabwo igomba gufatwa nk'aho ifitwe n'ijo sosiyete iyo:
- a) imirimo isanzwe y'ijo sosiyete yindi cyangwa y'iyabyawe irimo no gutanga inguzanyo z'amafranga;
- b) imigabane cyangwa ububasha bujyanye nayo byafashweho ingwate ijyanye n'amasezerano yakozwe mu buryo busanzwe bw'ubwo bucuruzi.
- 3° shares held or a power exercisable by a person under the provisions of debentures of the company or of an agency deed for securing an issue of debentures shall be disregarded;
- 4° shares held or a power exercisable by, or by a nominee for, that other company or its subsidiary, not being held or exercisable in the manner described in subparagraph 3°, shall not be treated as held or exercisable by that other company where:
- a) the ordinary business of that other company or its subsidiary, as the case may be, includes the lending of money;
- b) the shares are held or the power is exercisable by way of security only for the purposes of a transaction entered into in the ordinary course of that business.
- lorsque celle-ci n'est pas uniquement dépositaire;
- 3° les actions détenues ou les pouvoirs conférés à la filiale aux termes des dispositions régissant les obligations de la société ou des contrats liant la filiale quant à l'émission d'obligations, ne sont pas pris en compte ;
- 4° les actions détenues par le représentant ou la filiale de l'autre société, même lorsqu'elles sont différentes de celles qui sont mentionnées au paragraphe 3 ci-dessus, ne doivent pas être considérées comme détenues par cette autre société lorsque:
- a) les activités ordinaires de cette autre société ou de sa filiale comprennent l'octroi de prêt d'argent;
- b) les actions ou les pouvoirs y afférents sont garantis par un contrat normal d'affaire.

**Iningo ya 27: Inama y'Ubutegetsi igenzurwa n'indi sosiyete**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete iba igenzurwa n'indi sosiyete igihe:

1° iyo sosiyete yindi mu gukoresha uburenganzira bwayo, hari cyangwa hatari ubwumvikane n'undi muntu, ishobora gushyiraho cyangwa

**Article 27 : Board controlled by another company**

A Board shall be taken to be controlled by another company where:

1° the other company, by exercising a power exercisable by it, can, with or without another person's consent, appoint or remove all the

**Article 27: Conseil d'Administration contrôlé par une autre société**

Il y a contrôle du Conseil d'Administration par une autre société lorsque:

1° l'autre société dans l'exercice des ses droits avec ou sans consentement d'une autre personne, peut désigner ou révoquer tous les

gukuraho abayobozi bose b'iyo sosiyete, cyangwa se umubare w'abagize Inama y'Ubutegetsi bafite bose hamwe uwbiganze mu majwi yo gutora mu nama z'Inama y'Ubutegetsi;

2° isosiyete mbyeyi ifite nibura kimwe cya kabiri cy'amajwi mu matora:

- a) igenzura nibura kimwe cya kabiri cy'amajwi y'itora bivuye mu bwumvikane n'abandi bashoramari;
- b) igenzura imicungire y'imari n'imikorere y'isosiyete nk'uko bisabwa n'itegeko cyangwa amasezerano;
- c) ikoresha uburenganzira bwayo mu gushyiraho cyangwa kuvanaho abakozi n'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa b'urwego rusa nayo;
- d) ikoresha uburenganzira bwayo mu bwiganze bw'amajwi mu nama z'Inama y'Ubutegetsi cyangwa bw'urundi rwego rusa na yo.

**Ingingo ya 28: Uburenganzira bw'isosiyete mu gushyiraho abacunga isosiyete**

Isosiyete iba ifite uburenganzira bwo gushyiraho abayobora isosiyete igihe:

1° nta washyirwaho nk'umwe mu bagize Inama

directors of the company, or such number of directors as together hold a majority of the voting rights at meetings of the Board of the company;

- 2° the parent owns at least one half of the voting powers :
  - a) power over more than one half of the voting rights by virtue of an agreement with other investors;
  - b) power to govern the financial and operating policies of the company under any Law or agreement;
  - c) power to appoint or remove employees and members of the Board of directors or equivalent governing body;
  - d) power to cast the majority of votes at meetings of the Board of directors or equivalent governing body.

**Article 28 : Company having power to appoint Management**

A company shall have the power to make an appointment where:

1° a person cannot be appointed as a director of the

Administrateurs de la société, ou un certain nombre d'Administrateurs qui détiennent conjointement la majorité de droits de vote aux réunions du Conseil d'Administration de la société ;

- 2° la société mère détient au moins la moitié de droits de vote :
  - a) contrôle plus de la moitié des droits de vote en vertu d'un accord avec d'autres investisseurs ;
  - b) contrôle de la politique des finances et du fonctionnement de la société conformément à une loi ou un contrat ;
  - c) droit de nommer ou de révoquer les employés et les membres du Conseil d'Administration ou d'un organe similaire;
  - d) droit d'exercer la majorité des votes aux réunions du Conseil d'Administration ou d'un organe similaire.

3° isosiyete ikora cyangwa irimo gushingwa yiyeje, mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane, ko mu mezi abiri (2) nyuma yo kwakira amafaranga y'igurisha ry'imigabane, igomba gutanga urupapuro rwemeza ko ayo mafaranga yakiriwe.

**Ingingo ya 66: Kubika kopi y'inyandiko isabirwaho imigabane**

Buri sosiyete igomba gukora ku buryo kopi ya buri nyandiko isabirwaho imigabane ibikwa ku cyicaro cyayo mu minsi irindwi (7) ikurikira itangwa ry'inyandiko ihamagarira kugura imigabane kandi kopi zabitswe zigomba kuboneka nibura mu gihe cy'amezi atandatu (6), kugira ngo zifashe ukeneye kuzireba mu banyamigabane b'isosiyete cyangwa abo ibereyemo imyenda.

**Ingingo ya 67: Guha urupapuro umuntu iyo yabikije cyangwa yagurije isosiyete**

Igihe isosiyete yabonye amafaranga yabikije cyangwa mu rwego rw'inguzanyo, igomba, mu gihe

six months immediately preceding the date on which the form was issued, circulated or distributed;

2° a copy of the prospectus and particulars of the issue, circulation or distribution shall have been lodged with the Registrar General ;

3° the company or proposed company undertakes, in its prospectus that it will, within two (2) months after receiving the money, issue to that person a document to acknowledge receipt of the money.

**Article 66: Deposit of company's copy of share application form**

Every company shall keep a copy of every share application form at its registered office within seven (7) days after the prospectus is lodged and shall keep every such copy, for a period of at least six (6) months after the lodging of the prospectus, for the inspection by company's members and creditors.

**Article 67: Issue of document to the person who has given money as a deposit or loan**

Where a company has accepted any money as a deposit or loan, it shall within two (2) months after

six mois qui précèdent celle d'émission, de publication ou de distribution ;

2° Une copie dudit prospectus et des pièces qui l'accompagnent, devant être émises, publiées et distribuées doivent avoir été transmises au Registraire Général ;

3° la société en service ou en constitution prenne l'engagement dans son prospectus que dans les deux (2) mois suivant la réception de fonds, un titre en contrepartie de fonds reçus sera remis.

**Article 66: Dépôt d'une copie du formulaire de souscription aux actions**

Toute société doit faire en sorte qu'une copie de chaque formulaire de souscription aux actions soit déposée à son siège dans les sept (7) jours suivant le lancement du prospectus et que ces copies soient disponibles pendant au moins six (6) mois après le lancement du prospectus, pour consultation par ses actionnaires et créanciers.

**Article 67: Emission d'un titre de dépôt ou de prêt**

Lorsqu'une société reçoit des fonds à titre de dépôt ou de prêt, elle doit dans un délai de deux (2) mois

kitarenze amezi abiri (2) iyabonye, guha abayabikije cyangwa abayigurije urupapuro rwemeza, rugaragaza cyangwa rufatwa nk'ikimenyetso cy'umwenda w'isosiyete ujyana n'uko kubitswa cyangwa kugurizwa.

**Ingingo ya 68: Iyamamaza rimeze nk'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane**

Inyandiko yose yamamaza yatanzwe cyangwa yasohowe hagamijwe gutanga imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo mu isosiyete ikora cyangwa ishaka gushingwa, ifatwa nk'aho ari inyandiko ihamagararira rubanda kugura imigabane iyo nibura ikubiyemo ibi bikurikira:

- 1° umubare n'ibisobanuro ku migabane isanzwe cyangwa imigabane-nguzanyo bireba;
- 2° izina, itariki y'igihe isosiyete yandikiwe mu gitabo ndetse n'imari-shingiro yayo yarangije kwishyurwa
- 3° ibisobanuro mu nshamake by'intego y'isosiyete n'imirimo yayo y'ingenzi;
- 4° amazina, aderesi n'umwirondoro bya:
  - a) abagize inama y'ubutegetsi cyangwa abateganywa kugirwa bo;
  - b) abahuza isosiyete n'abifuza kuyiguramo imigabane cyangwa abishingyiye icyo gikorwa;

the acceptance of the money, issue to that person a document which acknowledges or evidences or constitutes an acknowledgement of the indebtedness of the company in respect of that deposit or loan.

**Article 68: Advertisement deemed to be prospectus**

Every advertisement which is issued, circulated or distributed and which offers or calls attention to an offer or intended offer of shares in, or debentures of a company or proposed company to the public for subscription or purchase, shall be treated as a prospectus if it contains the following:

- 1° the number and description of the shares or debentures concerned;
- 2° the name and date of registration of the company and its paid-up share capital;
- 3° a concise statement of the main objective and main business of the company;
- 4° the names, addresses and description of -
  - a) the directors or proposed directors;
  - b) the brokers or underwriters to the issue;

après la réception des ces fonds, délivrer au déposant ou au prêteur un titre qui reconnaît, atteste, ou qui sert de preuve de reconnaissance de l'obligation de la société eu égard à ce dépôt ou prêt.

**Article 68: Annonce publicitaire ayant qualité de prospectus**

Toute annonce publicitaire distribuée ou émise dans le but d'offrir au public des actions ou obligations d'une société en service ou en constitution, doit être considérée comme étant un prospectus si elle contient au moins des renseignements suivants :

- 1° le nombre et la description des actions ou obligations concernées ;
- 2° la dénomination sociale, la date d'enregistrement de la société ainsi que son capital social déjà disponible;
- 3° une brève description de l'objet de la société et de ses principales activités ;
- 4° les noms, adresses et identité des:
  - a) administrateurs ou administrateurs proposés;
  - b) courtiers ou souscripteurs garants ;

- c) Abahagarariye abafite imigabane nguzanyo ; c) the debenture holders' representatives; c) représentants des détenteurs d'obligations ;
- 5° izina ry'isoko ry'imigabane, iyo rihari, abahuza isosiyete n'abifusa kuyiguramo imigabane cyangwa abishingyiye icyo gikorwa bakoreramo;
- 6° ibisobanuro ku matariki yo gutangiriraho no gufungiraho isoko, ndetse n'isaha n'ahantu amakopi y'inyandiko ikubiyemo ibijyanye n'imigabane n'impapuro zo kuzuza zisaba imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo zabonekeraho;
- 7° inyandiko zerekana igiciro cyo kuguriraho imigabane, inyungu ishobora kubyara, n'izindi nyungu ishobora kuzanira abanyamigabane ku byerekeranye n'ikigega rusange cyo gushorera abakigana imari.
- Ingingo ya 69: Imiterere n'ibikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane**
- 6° the name of the stock exchange, if any, of which the brokers or underwriters to the issue are members;
- 6° particulars of the opening and closing dates of the offer and the time and place where copies of the prospectus and forms of application for the shares or debentures may be obtained;
- 7° statements with respect to the sale price of shares, the yield there from or other benefits received or likely to be received by holders of shares, in relation to an authorised mutual fund.
- 6° le nom du marché boursier, s'il y en a, dont les courtiers ou les souscripteurs garants sont membres;
- 6° les renseignements sur les dates d'ouverture et de clôture de l'offre, ainsi que l'heure et le lieu où les copies du prospectus et les formulaires de demande d'actions ou obligations peuvent être obtenus ;
- 7° les déclarations concernant le prix de vente des actions, les profits qu'elles peuvent rapporter ou tous les autres avantages qu'elles promettent aux actionnaires par rapport à un fonds commun de placement agréé.

#### **Article 69: Forms and content of prospectus**

Every prospectus shall comply with the form and content prescribed by instructions of the Registrar General or of any other person who may be appointed by a Law for regulating the capital market. The prospectus shall :

- 1° be printed in type of a font size approved by

#### **Article 69: Forme et contenu du prospectus**

Tout prospectus doit respecter les conditions de forme et de fond fixées par le Registraire Général ou toute autre personne déterminée par la loi ayant les attributions de régulation du marché boursier. Le prospectus doit:

- 1° être imprimé selon le modèle et le format

byemejwe n'Umwanditsi Mukuru;	the Registrar General;	approuvés par le Registraire Général;
2° kuba ifite itariki kandi iyo tariki igomba, keretse 2° hari ibimenyetso bibigaragaza ukundi, gufatwa nk'itariki iyo nyandiko yasohoreweho;	be dated and that date shall, unless the contrary is proved, be taken as the date of issue of the prospectus;	2° porter une date qui doit, sauf avis contraire, être considérée comme date de publication dudit prospectus ;
3° kuba isinywe na buri wese mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa n'undi muntu wese uvugwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete ko azaba umwe mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa n'uwhahwe mu nyandiko ubutumwa bwo kubikora;	be signed by every director or person named in the prospectus as a proposed director, or by his or her agent authorised in writing;	3° être signé par chaque Administrateur ou toute personne désignée dans le prospectus comme futur Administrateur, ou encore par son représentant autorisé par écrit à le faire ;
4° kwemeza ko kopi imwe yashyikirijwe Umwanditsi Mukuru kandi igahita na none yemeza ko Umwanditsi Mukuru atari we wabazwa ibiyikubiyemo.	4° state that a copy has been lodged with the Registrar General and also state immediately after that statement that the Registrar General assumes no responsibility as to its contents.	4° mentionner qu'une copie a été déposée auprès du Registraire Général et que ce dernier n'assume aucune responsabilité en ce qui concerne son contenu.
<b>Ingingo ya 70: Kubuzwa kugurisha imigabane nguzanyo irenze umubare watangajwe</b>	<b>Article 70 : Interdiction of over-subscription in debenture issue</b>	<b>Article 70: Interdiction à la souscription excédentaire en cas d'émission d'obligations</b>
Isosiyete ntigomba kugurisha imigabane nguzanyo iruta imigabane yatangajwe mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane, keretse iyo nyandiko yatanzwe yari yabimenesheje ariko kandi uwo mubare ntugomba kurenga 25% y'agaciro katanzwe.	A company shall not accept subscriptions to a debenture issue in excess of the amount of the issue stated in the prospectus unless the prospectus has so specified; however the amount of over-subscriptions shall not exceed 25% of the amount of the issue.	Une société n'est pas tenue d'accepter des souscriptions d'obligations dont le montant excède celui indiqué dans le prospectus à moins que ce dernier ne l'ait spécifié ; toutefois ce montant ne doit pas excéder 25% de la valeur de l'émission.
<b>Ingingo ya 71: Isosiyete ishobora kwitwa ikigega cyo gushorera abakiana imari</b>	<b>Article 71: Company may be declared authorised mutual fund</b>	<b>Article 71: Une société peut être déclarée un fonds commun de placement agréé</b>
Iyo Umwanditsi Mukuru abonye ko:	Where the Registrar General is satisfied that :	Lorsque le Registraire Général constate que :

1° isosiyete ifite uburyozwe buhinnye ihamagarira rubanda kuguramo imigabane, cyangwa isosiyete y'inayamahanga ifite icyicaro mu Rwanda, yanditswe mu Rwanda cyangwa yazanywe mu rwego rwo gukusanya cyangwa gucunga imitungo yimukanwa n'ibindi bintu, hagamijwe inyungu atari mu rwego rwo kugenzura isoko gusa;

2° mu nyandiko y'ubwumvikane mu kwishyira hamwe, amategeko-shingiro agenga isosiyete cyangwa se mu zindi nyandiko zibyara inshingano, ko harimo iningo zigaragaza ko:

a) haramutse habaye guhamagarira abantu kugura imigabane yo kuzigama, igiciro cy'imigabane kizashyirwaho hakurikijwe agaciro nyakuri k'umutungo wayo mu gihe cy'itangwa ry'iryo soko, mu gihe cy'itangwa yayo, hakuwemo gusa amafaranga yumvikana y'akazi kakozwe;

b) isosiyete izashobora kugurura iyo migabane n'uzaba ayifite ku giciro gishingiye ku gaciro nyakuri k'imari-shingiro yayo mu gihe cy'iryo gurura nta gabanya ribayeho, hakuwemo amafaranga y'akazi kakozwe;

Umwanditsi Mukuru ashobora gutangaza ko iyo sosiyete ari ikigega cyo gushora imari kandi akemeza ko iningo zireba inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete bitazayireba igithe cyose izaba ikora nk'ikigega cyemewe cyo gushora imari.

1° a public limited company, or a foreign company having a place of business in Rwanda, has been registered or incorporated in Rwanda for the purpose of holding and managing securities or of other property for the making of profit and not for the sole purpose of control of the market;

2° in the memorandum and articles of association or in some other instrument binding on it, there is satisfactory provision for ensuring that :

a) if a prospectus is made , the price at which the shares are offered shall be based on the net value of its assets at the time of the offer with no addition except for a reasonable service charge;

b) the company will at any time repurchase any such shares from the holder at a price based on the value of its share capital at the time of the repurchase without any deduction except for a reasonable service charge;

The Registrar General may declare the company to be an authorised mutual fund and direct that, so long as the company remains an authorised mutual fund, any of the provisions relating to prospectuses shall not apply to that company.

1° une société publique à responsabilité limitée, ou une société étrangère ayant son siège social au Rwanda, a été enregistrée ou incorporée dans le but de collecter et de gérer les valeurs mobilières ou d'autres biens, dans un but lucratif et non dans le seul but de contrôler le marché;

2° dans l'acte constitutif et les statuts ou dans d'autres documents portant obligations, il y a des dispositions favorables qui précisent que:

a) si un prospectus est lancé, le prix des actions sera fixé sur base de la valeur nette de son patrimoine au moment de l'offre, à l'exception des frais engagés sur le service;

b) la société pourra racheter du détenteur, les actions à un prix basé sur la valeur réelle de son capital social au moment du rachat sans réduction, exception faite des frais raisonnables de service;

Le Registraire Général peut déclarer la société comme un fonds de placement agréé, et peut décider que les dispositions du prospectus ne s'appliqueront pas à elle aussi longtemps qu'elle agira comme un fonds de placement agréé.

Igihe Umwanditsi Mukuru yemeje ko icyemezo kigomba kuvalo cyangwa se ko ibikubiyemo bigomba guhindurwa,

1° abimenyesha iyo sosiyete mu nyandiko,

2° asaba iyo sosiyete kugira icyo ivuga kuri iryo hinduka cyangwa ivanwaho riteganywa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) guhera igihe icyo cyifuzo cyayigereyeho.

Umwanditsi Mukuru ashobora kwaka agaciro cyangwa guhindura icyifuzo icyo gihe gishize, ariko mbere yo kubikora, agomba kwita ku byasobanuwe n'isosiyete.

**Ingingo ya 72: Uburyozwe mu gutangaza ibinyoma mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane**

Umuntu wese :

1° uri mu bagize inama y'ubutegetsi igihe cy'itangazwa ry'inyandiko ihamagararira rubanda kugura imigabane mu isosiyete;

2° wemeye, ukoze ku buryo izina rye rigaragara mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete nk'umwe mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa nk'uwmeye kuzaba we byaba ako kanya cyangwa se nyuma y'igihe runaka bumvikanyeho;

Where the Registrar General considers that a notice should be revoked or that the terms of the notice should be varied, he or she shall :

1° serve on the company a written notice to that effect;

2° invite the company to make, within a period of thirty (30) days from the date of service of the notice, any comment on the proposed modification or revocation.

The Registrar General may revoke or vary the notice after the expiration of the period but shall, before deciding whether or not to revoke or vary the notice, take into consideration any comment made by the company.

**Article 72: Civil liability for misstatement in prospectus**

Any person who :

1° is a director at the time of the issue of a prospectus;

2° authorises or causes himself or herself to be named and is named in a prospectus as a director or as having agreed to become a director either immediately or after an interval of time;

Lorsque le Registraire Général décide qu'un avis doit être annulé ou que le contenu de l'avis doit être modifié,

1° il en avise par note écrite, ladite société,

2° il demande à la société de se prononcer sur la modification ou l'annulation envisagée dans un délai de trente (30) à compter de la date de notification.

Le Registraire Général peut annuler ou modifier l'avis après l'expiration du délai mais, avant de le faire, il doit prendre en compte l'exposé des faits présentés par la société.

**Article 72: Responsabilité civile pour fausse déclaration dans le prospectus**

Toute personne qui :

1° est administrateur au moment de la publication d'un prospectus ;

2° autorise, fait en sorte que son nom figure dans un prospectus comme administrateur ou comme ayant accepté de devenir administrateur soit immédiatement soit après un délai convenu;

3° uri mu bayishinze ;

4° wemeye cyangwa ari we ntandaro y' itangazwa ry'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete ;

agomba kwishyura indishyi z'akababaro undi muntu wese wemeye kugura imigabane isanzwe cyangwa imigabane nguzanyo biturutse ku itangazwa ry'iyo nyandiko, ibyo bikaba ku gihombo icyo aricyo cyose cyangwa ikindi cyangirijwe kubera:

- a) itangazo ry'ibinyoma rikubiye mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete;
- b) guhisha ukuri ku bushake biri mu ihamagarira rubanda kugura imigabane mu isosiyete kugira ngo hahishwe amakuru uwo muntu yari azi ko ari ingenzi.

## **UMUTWE WA II: IMIGABANE**

### **Ingingo ya 73: Guhamagarira rubanda kugura imigabane nguzanyo**

INYANDIKO YOSE ITANZWE IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURIZA ISOSIYETE AMAFARANGA, CYANGWA KUBITSAMO AMAFARANGA IFATWA NK'IHAMAGARIRA ABANTU KUGURA IMIGABANE NGUZANYO.

YITWA INYANDIKO Y'UMUGABANE NGUZANYO W'ISOSIYETE IYO YANDITSWE N'ISOSIYETE YEMEZA

3° is a promoter;

4° authorises or causes the issue of a prospectus;

shall be liable to pay compensation to any person who subscribes for or purchases shares or debentures on the faith of a prospectus for any loss or damage sustained by reason of :

- a) an untrue statement in the prospectus;
- b) the willful non-disclosure in the prospectus of any matter which he or she had knowledge and which he or she knew to be material.

## **CHAPTER II: SHARES**

### **Article 73: Public invitation to subscribe for debentures**

Any invitation to the public to deposit money with or to lend money to a company shall be deemed to be an invitation to subscribe for or purchase debentures of the company.

Any document that is issued or intended or required to be issued by a company acknowledging or

3° est promoteur ;

4° autorise ou est à la base de la publication d'un prospectus ;

doit payer des dommages et intérêts à toute autre personne qui a souscrit à l'achat des actions ou des obligations suite à la publication du prospectus, et ce, pour toute perte ou préjudice subi à cause :

- a) d'une fausse déclaration contenue dans le prospectus;
- b) d'un manque de transparence volontaire dans le prospectus pour dissimuler toute chose qu'il ou elle savait être importante.

## **CHAPITRE II : ACTIONS**

### **Article 73: Invitation au public à l'achat d'obligations**

EST considérée comme une invitation au public à la souscription ou achat d'obligations de la société toute invitation au public de déposer ou prêter de l'argent à une société.

EST une obligation tout titre émis par la société pour ou ayant l'intention de certifier ou constituant la

cyangwa igamije kwemeza kubitswa cyangwa kugurizwa amafaranga yakiriwe cyangwa yagurijwe nayo bikurikije ihamagarira rubanda rivugwa mu gika cya mbere cy'yi ngingo.

**Ingingo ya 74: Guhamagarira rubanda kugura imigabane n'imigabane nguzanyo**

Guhamagarira rubanda gufata imigabane cyangwa imigabane nguzanyo mu isosiyete ni inyandiko cyangwa ubundi buryo buhamagarira abantu, byaba bigenewe abantu runaka cyangwa se rubanda muri rusange, n'iyo byaba byakwemerwa gusa n'abo byagenewe.

Kugura imigabane bishobora gukorwa hakurikijwe uko biteganyijwe muri iryo hamagara, ariko bigakorwa gusa n'umuntu byagejejweho. Ihama gara ryo kugura imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ryakozwe nta buriganya ntirifatwa nk'aho ryakorewe rubanda iyo ari:

- 1° inyandiko isaba gukorana amasezerano yo kwishingira kugurisha imigabane isanzwe n'imigabane- nguzanyo;
- 2° inyandiko igenewe umuntu usanzwe akora akazi ko kugura no guceruza imigabane isanzwe cyangwa imigabane- nguzanyo yaba ari we ubwe cyangwa intumwa ye.
- 3° inyandiko igenewe abanyamigabane cyangwa abafite imigabane nguzanyo ikaba yerekerye

evidencing or constituting an acknowledgement of the indebtedness of the company in respect of any money that is or may be deposited with or lent to the company in response to a public invitation shall be deemed a debenture.

**Article 74: Public invitation to subscribe for shares and debentures**

Public invitation to subscribe for shares or debentures shall be construed as a document or any means whether intended to a particular section of the public or to the public in general even though such invitation is accepted by the targeted public.

The offer may be made pursuant to the invitation only by a person to whom the invitation is issued. However, shares or debentures shall not be considered to be an offer to the public if it is:

- 1° an offer to enter into an underwriting agreement;
- 2° made to a person whose ordinary business is to buy or sell shares or debentures whether as principal or agent;
- 3° made to existing members or debenture holders of a company and relates to

preuve du dépôt ou de la remise de sommes reçues par la société, comme somme prêtée ou déposée, suite à une offre faite conformément à l'alinéa premier ci-dessus.

**Article 74: Invitation au public à la souscription aux actions et à l'achat d'obligations**

Une invitation au public à la souscription aux actions ou aux obligations est une offre ou tout autre moyen soit adressé à une catégorie particulière de gens soit au public en général quand bien même il ne serait accepté que par le seul public visé.

L'offre ou la demande peut être formulée conformément à l'offre, mais uniquement par chaque personne à qui l'offre a été adressée. Cependant, une offre d'actions ou d'obligations de bonne foi ne doit pas être considérée comme étant faite au public si elle est :

- 1° Une offre de conclure un contrat garantissant l'émission d'actions et obligations;
- 2° Une offre adressée à une personne dont les activités ordinaires consistent à l'achat et à la vente des actions ou des obligations – en tant que mandant ou mandataire ;
- 3° Une offre adressée aux actionnaires ou obligataires actuels de la société et relative aux

n'imigabane isanzwe cyangwa imigabane-  
nguzanyo y'iyo sosiyete;  
4° inyandiko igenewe abanyamigabane  
hakurikijwe iri tegeko yuzuzwa hakurikijwe  
ifishi iri ku mugerekwa wa V w'iri tegeko.

#### **Ingingo ya 75: Uburenganzira umugabane utanga k'uwufite**

Umugabane ni umutungo wimukanwa, utanga  
uburenganzira k'uwufite:

- 1° bw'ijwi rimwe mu matora mu gihe cy'inteko rusange y'isosiyete ku cyemezo icyo ari cyo cyose;
- 2° bwo kugira uruhare rungana igihe cy'igabana ry'inzungu ku migabane byemejwe n'inama y'ubutegetsi;
- 3° bwo kugira uruhare rungana mu kugabana umutungo bwite waba usigaye nyuma yo kwishyura abo isosiyete ibereye mo imyenda.

Uburenganzira buvugwa mu gace ka 2° k'iyi  
ningo bushobora kugabanuka, guhinduka cyangwa  
kongerwa n'amategeko-shingiro agenga isosiyete  
cyangwa se hakurikijwe ibisabwa bivugwa igihe  
cy'itangwa ry'umugabane.

shares in or debentures of that  
company;  
4° made to members under this Law and  
following the form provided in  
Appendix V to this Law.

#### **Article 75: Rights which share confers to the holder**

- A share in a company shall be a movable property.  
A share in a company shall confer on the holder :
- 1° the right to one vote on a poll at a meeting of the company on any resolution;
  - 2° the right to an equal share in dividends authorised by the Board of Directors;
  - 3° the right to an equal share in the distribution of the surplus assets of the company.

The rights specified in sub-paragraph 2° of this article may be restricted, limited, altered, or added to by the constitution of the company or in accordance with the terms on which the share is issued.

actions ou aux obligations de cette société ;

- 4° Une offre destinée aux actionnaires conformément à la présente loi complétée suivant le formulaire en annexe V de la présente loi.

#### **Article 75: Droits conférés par l'action à son détenteur**

Une action est un droit mobilier, qui confère à son détenteur le droit:

- 1° le droit de vote avec une voix aux élections lors d'une réunion de la société pour toute résolution;
- 2° le droit à un partage égal en dividendes autorisé par le Conseil d'Administration;
- 3° le droit à une part égale dans la répartition de l'actif excédentaire de la société après la liquidation des dettes

Les droits dont il est question au point 2° du présent article peuvent être limités, modifiés ou étendus par les statuts de la société ou soumis aux conditions spécifiées lors de l'émission de l'action.

**Iningo ya 76: Uburenganzira imigabane ishobora gutanga cyangwa kudatanga**

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko shingiro agenga isosiyete, isosiyete ishobora gushyira imigabane itanga mu byiciro bitandukanye.

Imigabane mu isosiyete ishobora:

1° kuba yayisubiza iyiguze ;

2° gutanga uburenganzira bwo kurutishwa abandi mu gihe cyo kugabana imari shingiro cyangwa ibindi byinjiye;

3° gutanga uburenganzira bwihariye, bucagase cyangwa bufite ibindi busaba kubahiriza mu gihe cy'amatora;

4° kudatanga uburenganzira bwo gutora.

**Article 76: Rights which shares may or may not confer**

Subject to the constitution of the company, different classes of shares may be issued in a company.

Shares in a company may :

1° be redeemable;

2° confer preferential rights to distributions of share capital or income;

3° confer special, limited, or conditional voting rights;

4° not confer voting rights.

**Article 77: Value of shares**

Any shares created or issued after the commencement of this Law may either be of par value or of no par value.

**Article 78 : Conversion of class of shares into shares of no par value**

Any existing company may at any time, convert any class of shares of the company into shares of no par value provided that seventy five per cent (75%)

**Article 76: Droits conférés ou non par les actions**

Sous réserve des statuts de la société, une société peut classer ses actions émises en différentes catégories.

Les actions dans une société peuvent :

1° être rachetables;

2° conférer les droits préférentiels dans la répartition du capital ou des revenus;

3° conférer des droits spéciaux, limités ou conditionnels en cas de vote;

4° ne pas conférer le droit de vote.

**Article 77: Valeur des actions**

Toutes les actions émises après l'entrée en vigueur de la présente loi, peuvent avoir une valeur en espèces ou non.

**Article 78: Conversion des actions en actions sans valeur nominale**

Toute société existante peut convertir ses actions en actions sans valeur nominale toutes les fois que soixante quinze pour cent (75%) des actionnaires

Isosiyete ishobora igihe icyo aricyo cyose guhindura imigabane ifite agaciro mu mafaranga mu migabane idafite agaciro

mirongo irindwi na gatanu ku ijana (75%) by'abanyamigabane. Inyandiko isobanura ibisabwa mu mihindukire y'imigabane ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo yandikwe mu minsi itarenze cumi n'ine (14) uhoreye igihe yemerejwe guhindurwa.

**Ingingo ya 79: Uburenganzira n'inshingano bitagizweho ingaruka n'ihinduka ry'imigabane**

Imigabane yahinduve nta na rimwe ishobora kugira ingaruka ku burenganzira n'inshingano bijyanye n'iyo migabane. By'umwihariko iryo hinduka ntirishobora kugira icyo ritera ku:

- 1° mibare y'amafaranga isabwa kuri iyo migabane;
- 2° burenganzira bw'abafite imigabane bujyanye n'inyungu igabanwa nabo, n'itora cyangwa n'iyishurwa igihe cyo kwegeranya no kugabanya umutungo isosiyete iseswa cyangwa igabanuka ry'imari shingiro.

**Ingingo ya 80: Kugira konti ya buri bwoko bw'imigabane**

Buri sosiyete igomba kugira konti mu gitabo cy'ibaruramari ya buri bwoko bw'imigabane itanze akaba ariyo ishyirwaho amafaranga y'imari shingiro ya buri cyiciro cy'imigabane.

Nta sosiyete ifite uburenganzira bwo kugabanya imari shingiro yayo yatangajwe, keretse mu buryo buteganywa n'iri tegeko,

of shareholders vote for the resolution. Notice of the terms of the conversion is given to the Registrar General for registration within fourteen (14) days of the approval of the conversion.

**Article 79: Rights and liabilities not affected by converted shares**

The shares converted shall not affect the rights and liabilities attached to such shares. In particular, such conversion shall not affect:

- 1° any unpaid liability on such shares;
- 2° the rights of the holders of the shares in respect of dividends, voting or repayment on winding up or a reduction of share capital.

**Article 80: Maintaining an account for each class of shares**

A company shall maintain an account for each class of shares it issues in which it shall enter the share capital in relation to that class of shares.

A company shall not reduce its share capital except as provided under this Law.

l'approuvent par résolution. Un avis décrivant les conditions de conversion des actions est remis au Registraire Général pour être enregistré dans les quatorze (14) jours de la date d'approbation de ladite conversion.

**Article 79: Droits et obligations non affectés par la conversion des actions**

Les actions converties ne peuvent en aucun cas affecter les droits et obligations liés à ces actions. En particulier, ladite conversion ne peut pas affecter :

- 1° tout montant dû sur ces actions;
- 2° les droits des actionnaires sur les dividendes, le vote ou le remboursement à la liquidation ou à la réduction du capital social.

**Article 80: Possession d'un compte pour chaque catégorie d'actions**

Toute société doit avoir un compte spécial pour chaque catégorie d'actions qu'elle émet et sur lequel est versé le capital social déclaré pour cette catégorie d'actions.

Aucune société n'a le droit de réduire son capital déclaré, sauf dans les conditions prévues par la présente loi.

Iningo z'iri tegeko zigenga iby'imari shingiro yatangajwe ntizireba isosiyete yemerewe gukora nk'ikigega rusange kigamije gushora imari.

Imari shingiro isosiyete itangaje igomba guhabwa agaciro mu mafaranga y'u Rwanda.

**Iningo ya 81: Konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane**

Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga yatanzwe hari andi mafaranga yiyongera ku gaciro kayo, byaba ari ukwishiura mu mafaranga cyangwa mu bundi buryo, umubare wose w'ayo mafaranga yiyongeraho kuri iyo migabane ugomba gushyirwa kuri konti yitwa "konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane", kandi ingingo z'iri tegeko zerekeye imari shingiro y'isosiyete n'izerekeryanye n'igabanuka ry'imari shingiro y'isosiyete zigomba gukurikizwa.

Iyo imigabane yatanzwe yahawe agaciro mu mafaranga itishyuwe ako kanya, noneho amafaranga atangwa akaruta ayagenewe agaciro k'ijo migabane, ikinyuranyo hagati y'amafaranga y'agaciro k'ijo migabane n'ayakiriwe kuri iyo migabane kigomba gushyirwa kuri konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane.

Iyo imigabane ifite agaciro mu mafaranga, konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane ishobora, hatitawe ku byavuzwe byose mu gika cya mbere cy'yi ningo, gufungurwa n'isosiyete kugira

The provisions of this Law relating to share capital shall not apply to a company which is an authorised mutual fund.

The share capital of a company shall be expressed in the Rwandan francs.

**Article 81: Share premium account**

Where shares having a par value are issued at a premium, whether for cash or otherwise, a sum equal to the aggregate amount or value of the premiums on those shares shall be transferred to an account to be called "the share premium account" and the provisions of this Law relating to the share capital of the company and relating to the reduction of the share capital of the company shall apply.

Where shares having a par value are issued for a consideration other than cash and the value of that consideration is more than the par value of such shares, the difference between the par value of the shares and the value of the shares so acquired shall be transferred to the share premium account.

In the case of shares having a par value, the share premium account may, notwithstanding anything contained in paragraph one of this article be applied by the company to paying up shares of the

Les dispositions de la présente loi portant sur le capital déclaré ne s'appliquent pas à une société autorisée à fonctionner comme un fonds commun de placement agréé.

Le capital déclaré d'une société doit être exprimé en Francs Rwandais.

**Article 81: Compte de primes sur les actions**

Lorsque les actions à valeur nominale sont émises avec primes, que ce soit au comptant ou autrement, la somme équivalente au montant total des primes sur ces actions doit être transférée sur un compte appelé "compte de primes sur les actions" et les dispositions de la présente loi concernant le capital social d'une société et celles portant sur la réduction de capital social d'une société doivent s'appliquer.

Lorsque les actions à valeur nominale ne sont pas émises au comptant, et que la valeur remise est supérieure à la valeur nominale de ces actions, la différence entre la valeur nominale de ces actions et la valeur reçue pour ces actions doit être transférée sur le compte de primes sur les actions.

Au cas où les actions sont à valeur nominale, le compte de primes sur les actions peut, en dépit de tout ce qui est stipulé à l'alinéa premier du présent article, être créé par la société pour payer les

ngo yishyure imigabane yayo igomba gutangwa ku buryo bwuzuye.

**Ingingo ya 82: Amafaranga yo kwishyura hakoreshejwe konti yabugenewe na konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane**

Iyo abagize Inama y'Ubutegetsi babonye ko isosiyete igumana ubushoboz bwo kwishyura, konti y'imari shingiro yatangajwe na konti igaragaza ihindagurika ry'agaciro k'imigabane, zishobora gukoreshwa n'isosiyete kugira ngo yishyure:

- 1° ibyaguzwe by'ibanze n'isosiyete,
- 2° amafaranga n'ibihembo bijyanye n'itangwa ry'imigabane.

**Ingingo ya 83: Ihererekanya ry'imigabane**

Umugabane ushabora guhabwa undi muntu igihe cyose keretse iyo hari ikibibuza giteganywa n'amategeko agenga isosiyete.

Umugabane ufatwa ko wahererekanyijwe igihe byanditswe mu gitabo cy'imigabane.

Uzungura umunyamigabane wapfuye cyangwa ushinzwe gucunga umutungo w'abatabishoboye bashobora guhererekanya imigabane n'undi muntu kabone n'iyo bataba ari abanyamigabane igihe cy'ryeo hererekanya.

company to be issued to shareholders of the company as fully paid shares.

**Article 82: Expenses paid using stated capital account or share premium account**

The stated capital account, including in the case of shares having a par value, the share premium account may, provided the directors are satisfied that the company will immediately after the application satisfy the solvency test, be applied by the company in writing off:

- 1° the preliminary expenses of the company;
- 2° the expenses of, or the commission paid on, the creation or issue of any shares.

**Article 83: Transfer of shares**

Subject to any limitation or restriction on the transfer of shares in the Articles of association, a share in a company shall be transferable.

A share shall be deemed to have been transferred when it is entered in the share register.

The heir of a deceased member or the Curator may transfer a share even though the heir or Curator is not a shareholder at the time of transfer.

actions de la société qui doivent être entièrement libérées.

**Article 82: Dépenses à payer à travers un compte spécial et un compte de primes sur les actions**

Lorsque les administrateurs établissent que la société restera solvable, le compte du capital déclaré et le compte de primes sur les actions, pourront être utilisés par la société, pour payer:

- 1° les dépenses préliminaires de la société;
- 2° les frais et les commissions dus lors de l'émission des actions.

**Article 83: Cession des actions**

Sous réserve des limitations sur la cession des actions stipulées dans les statuts, une action dans une société est toujours cessible.

Une action est réputée cédée lorsqu'elle est enregistrée dans le registre des actions.

L'héritier d'un actionnaire décédé ou l'administrateur de son patrimoine peuvent céder une action même s'ils ne sont pas actionnaires au moment de ladite cession.

**Iningo ya 84: Gufatwa nk'uhawe imigabane mu isaba ryo kwandikwa kw'isosiyete**

Mu gihe cy'iyandikwa ry'isosiyete, buri muntu uvugwa mu isaba ryo kwandikwa nk'umunyamigabane, afatwa nk'uwahawwe umubare w'imigabane uvugwa muri iyo nyandiko isaba.

**Article 84: Issue of shares upon application for company registration**

Upon registration of the company any person named in the application for registration as a shareholder shall be deemed to have been issued with the number of shares specified in the application.

**Article 84: Considération comme ayant acquis les actions au moment de l'enregistrement d'une société**

Lors de l'enregistrement de la société, toute personne citée dans la demande d'enregistrement comme actionnaire est considérée comme ayant acquis le nombre d'actions stipulé dans la demande.

**Iningo ya 85: Gusubiza abantu imigabane bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe**

Igihe sosiyete ebyiri cyangwa nyinshi zibumbiye hamwe zigomba guhita zigaragaza agaciro k'umugabane wa buri sosiyete bitewe n'itangwa ry'icyemezo cyo kwibumbira hamwe, isosiyete yavanzwe n'indi igomba guhita isubiza buri muntu wese ufite uburenganzira ku mugabane umwe cyangwa kuri myinshi, uwo mugabane cyangwa iyo migabane afiteho uburenganzira.

**Article 85: Issue of shares to persons under the certificate of amalgamation**

Where two or more companies are amalgamated, they shall forthwith demonstrate the value of a share of each company following the issue of a certificate of amalgamation. The amalgamated company shall forthwith issue to any person entitled to a share or shares under the amalgamation proposal, the share or shares to which that person is entitled.

**Article 85: Remise des actions suite à l'émission d'un certificat de fusion**

Lorsque deux ou plusieurs sociétés entrent en fusion, elles doivent immédiatement montrer la valeur d'une action de chaque société suite à l'émission d'un certificat de fusion. La société fusionnée doit immédiatement remettre à toute personne ayant droit à une action ou à des actions, ladite ou lesdites actions à laquelle ou auxquelles la personne a droit.

**Iningo ya 86: Imigabane itanzwe n'Inama y'Ubutegetsi**

Inama y'Ubutegetsi ishobora gutanga indi migabane igihe icyo aricyo cyose iyihia umuntu ikanagena umubare ibona ari ngombwa ishingiye kuri iri tegeko n'andi mategeko agenga isosiyete.

**Article 86: Shares issued by the Board of Directors**

The Board of Directors of the Company may issue shares at any time, to any person, and in any number it thinks fit under the provisions of this Law and the company's articles of association.

**Article 86: Actions émises par le Conseil d'Administration**

Conformément aux dispositions de la présente loi et aux statuts de la société, le Conseil d'Administration peut émettre des actions à tout moment, en faveur d'une personne et en nombre qu'il trouve convenable.

Mu gihe iyo migabane itanga ubundi burenganzira cyangwa se iyo imigabane isaba indi nshingano

Where the shares confer rights, other than those set out in the preceding articles or impose any

Lorsque ces actions confèrent des droits autres que ceux prévus par les articles précédents, ou que ces

umunyamigabane, Inama y'Ubutegetsi igomba kwemeza ibisabwa mu itangwa ry'imigabane bisobanura uburenganzira n'inshingano bijyanye n'imigabane ishingiye ku cyemezo gisanzwe cy'abanyamigabane.

Ibisabwa mu itangwa ry'imigabane byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi bigomba:

1° kuba bikurijke amategeko-shingiro agenga isosiyete kandi igihe binyuranye, bigahita bita agaciro ntibigire n'izindi nkurikizi;

2° gufatwa nk'aho bigize amategeko-shingiro agenga iyo sosiyete, bikanashobora guhindurwa bikurijke iri tegeko.

**Iningo ya 87: Imenyekanisha ryerekeye imigabane y'imari shingiro y'isosiyete**

Isosiyete igomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku itangwa ry'imigabane nk'uko biteganywa muri iri tegeko:

1° gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko yerekana:

- a) umubare w'imigabane yatanzwe;
- b) amafaranga iyo migabane yatangiweho cyangwa se agaciro kayo nk'uko kemejwe n'Inama y'Ubutegetsi;
- c) umubare w'imari-shingiro y'isosiyete uturutse ku itangwa ry'imigabane;

obligation on the holder, the Board of Directors shall approve the terms of issue which set out the rights and obligations attached to the shares subject to an ordinary resolution of shareholders.

The terms of issuing shares approved by the Board of Directors shall be:

- 1° consistent with the articles of association of the company, and to the extent that they are not so consistent, shall be invalid and of no effect;
- 2° deemed to form part of its constitution and may be amended in accordance with this Law.

**Article 87: Notice concerning shares of company's share capital**

Within fifteen (15) days of the issue of shares under this Law, the company shall:

1° give notice to the Registrar General certifying:

- a) the number of shares issued;
- b) the amount of the consideration for which the shares have been issued, its value as determined by the Board of Directors;
- c) the amount of the company's share capital following the issue of the shares;

actions imposent une obligation à l'actionnaire, le Conseil d'Administration doit approuver les conditions de l'émission qui établissent les droits et obligations liés aux actions sur base d'une résolution ordinaire des actionnaires.

Les conditions d'émission approuvées par le Conseil d'Administration doivent :

- 1° être conformes aux statuts de la société et, en cas de contradiction, elles sont nulles et de nul effet ;
- 2° être considérées comme faisant partie de ses statuts et susceptibles de modification conformément à la présente loi.

**Article 87: Notification des actions du capital social d'une société**

La société doit, dans un délai de quinze (15) jours à partir de l'émission des actions tel que prévu par la présente loi :

1° donner un avis au Registre Général attestant :

- a) le nombre d'actions émises;
- b) la somme pour laquelle les actions ont été émises ou leur valeur telle que fixée par le Conseil d'Administration;
- c) le montant du capital social de la société suite à l'émission des actions ;

2° gushyikiriza Umwanditsi Mukuru kopi ya buri kintu gisabwa mu gutanga imigabane cyemejwe.

**Ingingo ya 88: Kugabanya, kugabagabanya, cyangwa gukomatanya imigabane**

Isosiyete ishobora, hafashwe umwanzuro usanzwe:

1° kugabanya cyangwa kugabagabanya imigabane yayo ifite agaciro mu mafaranga kari hasi niba ikigereranyo hagati y'amafaranga yishyuwe n'asigaye kwishyurwa kuri buri mugabane wagabanyijwe kikiri uko cyahoze mu gihe cy'umugabane wabyaye uwo mugabane wagabanyijwe.

2° gukomatanya imigabane mu migabane ifite agaciro kisumbuye ako yari isanganwe.

**Ingingo ya 89: Imigabane ikomatanyirijwe**

Iyo imigabane ikomatanyijwe agaciro, amafaranga yatanzwe n'ibindi bisabwa bijyanye na yo, kimwe n'amafaranga yo mu gihe cyo kugabana inyungu cyangwa kwishyurwa biturutse kuri icyo gikorwa na yo agomba kongererwa agaciro.

**Ingingo ya 90: Imenyekanisha iyo isosiyete yahinduye imari shingiro**

Iyo isosiyete yahinduye imari shingiro igomba mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhoreye ku munsi w'iryo hinduka, kubimenesha Umwanditsi

2° deliver to the Registrar General a copy of any terms of issue approved.

**Article 88: Dividing, subdividing or consolidation of shares**

A company may by ordinary resolution:

1° divide or subdivide its shares into shares of a smaller amount if the proportion between the amount paid, and the amount, if any, unpaid on each reduced share remains the same as it was in the case of the share from which the reduced share is derived;

2° consolidate into shares of a larger amount than its existing shares.

**Article 89: Consolidated shares**

Where shares are consolidated, the amount paid and any unpaid liability thereon, any fixed sum by way of dividend or repayment to which such shares are entitled, shall also be increased.

**Article 90: Notice filed upon alteration of share capital**

Where a company has altered its share capital, it shall within fifteen (15) days of the date of the alteration file a notice to that effect with the

2° remettre au Registraire Général, une copie de toute condition d'émission approuvée.

**Article 88: Diviser, subdiviser ou consolider les actions**

Une société peut, par résolution ordinaire :

1° diviser ou subdiviser ses actions en d'autres actions à valeur nominale inférieure si la proportion entre le montant libéré et le montant qui reste dû pour chaque action réduite reste la même que celle de l'action dont dérive l'action réduite ;

2° consolider les actions en actions de valeur supérieure à celle existante.

**Article 89: Actions consolidées**

Lorsque les actions sont consolidées, le montant payé et toutes les redevances qui en découlent, ainsi que le montant de tout dividende ou remboursement auquel ces actions donnent droit, doivent être augmentés.

**Article 90: Notification lorsque la société a modifié son capital social**

Lorsqu'une société a modifié son capital social elle doit, dans un délai de quinze (15) jours à dater du jour de ladite modification déposer un avis auprès

Mukuru.

Iryo menyesha rigomba kuba rikubiyemo amakuru yose ya ngombwa ku byiciro by'imigabane bireba.

#### **Iningo ya 91: Gutanga ibice by'imigabane**

Isosiyete ishobora, iyo amategeko shingiro ayigenga abiteganya, gutanga ibice by'imigabane bizatuma inshingano, ibyo umuntu yongererwa cyangwa agabanyirizwa bireshya n'iby'umugabane wuzuye cyangwa itsinda ry'imigabane.

#### **Iningo ya 92: Itangwa ry'imigabane yo mu rwego rumwe cyangwa se imigabane irutishwa iyindi yatangiye gukoreshwa**

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko ayigenga, iyo isosiyete itanze imigabane yo mu rwego rumwe cyangwa se imigabane irutishwa iyindi yatangiye gukoreshwa mu bijyanye n'uburenganzira mu matora no mu igabanamutungo, iyo migabane mishya igomba guhabwa abari basanganywemo imigabane kugira ngo itume bashobora gukomeza kugira umubare uhwanye n'uburenganzira bwabo ku majwi no ku ruhare rwabo ku mutungo mu isosiyete.

Buri tangwa ry'umugabane rigomba kuba rifunguriwe buri wese mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

Registrar General.

Such a notice shall include particulars with respect to the classes of shares affected.

#### **Article 91: Issue of fractions of shares**

A company may, where its articles of association so provides, issue fractions of shares which shall have corresponding fractional liabilities, limitations, preferences, privileges, qualifications, restrictions, rights and other attributes as those which relate to the whole share of the same class or series of shares.

#### **Article 92: Issue of shares which rank equally with, or in priority to existing shares**

Notwithstanding the provisions of the articles of association, where a company issues shares which rank equally with, or in priority to existing shares as to voting or distribution rights, those shares shall be offered to the holders of existing shares in a manner which would, maintain the relative voting and distribution rights of those shareholders.

An offer shall remain open for acceptance for a period, which shall not be more than fifteen (15) days.

du Registre Général.

Cet avis doit contenir tous les renseignements sur les catégories d'actions affectées.

#### **Article 91: Emission des fractions d'actions**

Une société peut, lorsque les statuts le prévoient, émettre des fractions d'actions auxquelles seront rattachées des obligations, priviléges et restrictions et des droits proportionnels correspondant à ceux d'une action entière de même classe ou groupe d'actions.

#### **Article 92: Emission des actions de la même classe, ou des actions de préférence par rapport aux actions existantes**

Sous réserve des dispositions de ses statuts, lorsqu'une société émet des actions de la même classe, ou des actions de préférence par rapport aux actions existantes en matière de droit de vote ou de partage, ces nouvelles actions doivent être offertes aux actionnaires actuels pour leur permettre de préserver la proportion de leur droit de vote et de leur partage du patrimoine dans la société.

Toute offre doit demeurer ouverte à l'acceptation pendant une période ne dépassant pas quinze (15) jours.

**Iningo ya 93: Igiciro gikwiye**

